**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA BUGESERA**
**B.P.1 NYAMATA.**

# ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Bugesera buramenyesha abantu bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka gutanga akazi ku mwanya wa DASSO bato makumyabiri n'umunani (**28**). Ababyifuza bagomba kuba bujuje ibi bikurikira :

1. Kuba ari umunyarwanda
2. Kuba afite ubushake
3. Kuba byibura agejeje imyaka 18 kandi atarengeje imyaka 25
4. Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire.
5. Kuba atarigeze akatirwa igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu.
6. Kuba afite impamyabumenyi y'amashuri atandatu y'isumbuye cyangwa iyo binganya agaciro
7. Kuba afite amagara mazima bigaragazwa n'inyandiko ya muganga wemewe na Leta.
8. Kuba atarigeze yirukanwa burundu mukazi ka Leta.

Dosiye ikubiyemo ibisabwa igomba kuba yageze mu bunyamabanga rusange bw'Akarere ka Bugesera guhera tariki ya 18/07/2025 kugeza tariki ya 24/07/2025 saa kumi n'imwe (17h00) za ni mugoroba. Abazaba buzuje ibisabwa bazakora ikizamini cy'Akazi tariki ya 31/07/2025 kuri stade ya Bugesera saa (8h00) za mu gitondo bitwaje indangamuntu y'umwimerere, ikaramu y'ubururu n'imyambaro ya sport.

**Uburyo bwo gusaba kwinjira muri DASSO**

- Kuzuza form yabugenewe (**Application form**) iboneka kurubuga rw'abakozi b'akarere ka Bugesera **(website) www.bugesera.gov.rw**
- Fotokopi y'impamyabumenyi y'amashuri yize,
- Fotokopi y'indangamuntu,
- Icyemezo cy'ubudakemwa mu mico no mu myifatire,
- Icyemezo cya muganga kigaragaza ko afite amagara mazima

Bikorewe i Bugesera ku wa 16/07/2025

**Joseph NKURANGA**
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Bugesera